N°54/2018 ryo kuwa 13/08/2018
Itegeko ryerekeye kurwanya ruswa……52
N° 54/2018 of 13/08/2018
Law on fighting against corruption……52
N° 54/2018 du 13/08/2018
Loi relative à la lutte contre la corruption…….52

N° 57/2018 ryo ku wa 13/08/2018
Itegeko ryerekeye Abinjira n'Abasohoka mu Rwanda.....74
N° 57/2018 of 13/08/2018
Law on immigration and emigration in Rwanda……...74
N° 57/2018 du 13/08/2018
Loi sur l'immigration et émigration au Rwanda……74

B. Iteka rya Minisitiri w'Intebe/ Prime Minister's Order/ Arrêté du Premier Ministre

Nº 122/03 ryo ku wa 17/09/2018
Iteka rya Minisitiri w'Intebe. rishyiraho imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa Abakozi b'Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda.....122
Nº122/03 of 17/09/2018
Prime Minister's Order determining organisational structure, salaries and fringe benefits for employees of Rwanda Development Board.....122
Nº122/03. du 17/09/2018
Arrêté du Premier Ministre déterminant la structure organisationnelle, salaires et autres avantages accordés au personnel de l'Office pour la Promotion du Développement au Rwanda 122

ITEGEKO N°54/2018 RYO KUWA 13/08/2018 RYEREKEYE KURWANYA RUSWA

LAW N° 54/2018 OF 13/08/2018 ON FIGHTING AGAINST CORRUPTION

LOI N° 54/2018 DU 13/08/2018 RELATIVE À LA LUTTE CONTRE LA CORRUPTION

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere : Icyo iri tegeko rigamije

Ingingo ya 2 : Ibisobanuro by'amagambo

UMUTWE WA II : GUKUMIRA RUSWA

Ingingo ya 3 : Inshingano z'inzego mu gukumira ruswa

UMUTWE WA III : IBYAHA N'IBIHANO BYA RUSWA

Ingingo ya 4 : Gusaba, kwakira cyangwa gutanga indonke

Ingingo ya 5: Kwaka cyangwa kwakira indonke bikozwe n'ufata ibyemezo by'ubutabera cyangwa ubishyira mu bikorwa

Ingingo ya 6: Gusaba cyangwa gukora ishimishamubiri rishingiye ku gitsina

Ingingo ya 7: Gukoresha igitinyiro

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE : GENERAL PROVISIONS

Article One : Purpose of this Law

Article 2 : Definitions

CHAPTER II : PREVENTION OF CORRUPTION

Article 3 : Obligations of organs in prevention of corruption

CHAPTER III : OFFENCES AND PENALTIES FOR CORRUPTION

Article 4 : Solicit, accept or offer illegal benefit

Article 5: Solicit or receive an illegal benefit by person who makes or executes justice decisions

Article 6: Solicit or offer sexual favors

Article 7: Influence peddling

TABLE DES MATIERES

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Article premier : Objet de la présente loi

Article 2 : Définitions

CHAPITRE II : PREVENTION DE LA CORRUPTION

Article 3 : Obligations des institutions dans la prévention de la corruption

CHAPITRE III : INFRACTIONS ET PEINES POUR LA CORRUPTION

Article 4 : Exiger, accepter ou offrir un avantage illégal

Article 5: Exiger ou recevoir un avantage illégal par une personne intervenant dans la prise de décisions d'ordre judiciaire ou les mettant en œuvre

Article 6: Exiger ou poser des faveurs de nature sexuelle

Article 7: Trafic d'influence

Ingingo ya 8: Gufata icyemezo gishingiye ku itonesha, ubucuti, urwango, ikimenyane cyangwa icyenewabo	**Article 8: Making a decision based on favoritism, friendship, hatred, acquaintances or nepotism**	**Article 8: Prise de décision fondée sur le favoritisme, l'amitié, la haine, les connaissances ou le népotisme**
Ingingo ya 9: Kudasobanura inkomoko y'umutungo	**Article 9: Illicit enrichment**	**Article 9: Enrichissement illicite**
Ingingo ya 10: Kunyereza umutungo	**Article 10: Embezzlement**	**Article 10: Détournement de fonds**
Ingingo ya 11: Gukoresha umutungo wa Leta icyo utagenewe	**Article 11: Use of public property for unintended purposes**	**Article 11: Utilisation des biens publics à des fins non-prévues**
Ingingo ya 12: Gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda akamaro	**Article 12: Misuse of property of public interest**	**Article 12: Abus des biens d'intérêt général**
Ingingo ya 13: Gusonera bitemewe n'amategeko	**Article 13: Illegal exemption**	**Article 13: Exonération illégale**
Ingingo ya 14: Kwaka cyangwa kwakira amafaranga bidakwiye cyangwa arenze ateganyijwe	**Article 14: Demanding or receiving undue or excessive money**	**Article 14: Exiger ou recevoir l'indû ou l'excédant**
Ingingo ya 15: Gukoresha ububasha uhabwa n'itegeko mu nyungu bwite	**Article 15: Abuse of functions**	**Article 15: Abus des fonctions**
Ingingo ya 16: Kwiha inyungu zinyuranyije n'amategeko	**Article 16: Appropriation of unlawful favours**	**Article 16: S'approprier un avantage illégal**
Ingingo ya 17: Impamvu nkomezacyaha ku cyaha cya ruswa cyakozwe n'umuntu uri mu rwego rw'ubuyobozi	**Article 17: Aggravating circumstances for the offence of corruption committed by a person in leadership position**	**Article 17: Circonstances aggravantes de l'infraction de corruption commise par une personne occupant un poste de direction**
Ingingo ya 18: Icyaha cya ruswa gikozwe n'amasosiyete y'ubucuruzi, amakoperative,	**Article 18: Offence of corruption committed by companies, cooperatives, institutions and**	**Article 18: Infraction de corruption commise par des sociétés commerciales,**

ibigo, imiryango bifite ubuzima gatozi	**organisations with legal personality**	**des coopératives, des établissements et des organisations dotés de la personnalité juridique**
UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA	**CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE IV: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**
Ingingo ya 19: Ukutaryozwa icyaha cya ruswa	**Article 19: Exemption from criminal liability for corruption**	**Article 19: Exonération de la responsabilité pénale pour la corruption**
Ingingo ya 20: Ubunyagwe bw'umutungo ukomoka ku cyaha cya ruswa	**Article 20: Confiscation of proceeds of corruption**	**Article 20: Confiscation des produits issus de la corruption**
Ingingo ya 21: Ukudasaza kw'icyaha cya ruswa	**Article 21: Non-prescription of the offence of corruption**	**Article 21: Imprescriptibilité de l'infraction de corruption**
Ingingo ya 22: Kubona inyandiko no kuzifatira	**Article 22: Access to records and their seizure**	**Article 22: Accès aux documents et leur saisie**
Ingingo ya 23: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 23: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 23: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 24: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko	**Article 24: Repealing provision**	**Article 24: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 25: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 25 Commencement**	**Article 25: Entrée en vigueur**

ITEGEKO N°54/2018 RYO KUWA 13/08/2018 RYEREKEYE KURWANYA RUSWA

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 30 Gicurasi 2018;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 29, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, iya 168 n'iya 176;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga y'Umuryango w'Abibumbye agamije kurwanya ruswa, yemerejwe i New York, ku wa 31 Ukwakira 2003, nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 56/01 ryo ku wa 27/12/2005;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe

LAW N° 54/2018 OF 13/08/2018 ON FIGHTING AGAINST CORRUPTION

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 30 May 2018;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 29, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 168 and 176;

Pursuant to the United Nations Convention against corruption, adopted in New York, on 31 October 2003, as ratified by Presidential Order n° 56/01 of 27/12/2005;

Pursuant to the African Union Convention on preventing and combating corruption adopted

LOI N°54/2018 DU 13/08/2018 RELATIVE À LA LUTTE CONTRE LA CORRUPTION

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 30 mai 2018;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003, révisée en 2015, spécialement en ses articles 29, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 168 et176;

Vu la Convention des Nations Unies contre la corruption, adoptée à New York, le 31 octobre 2003, telle que ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 56/01 du 27/12/2005;

Vu la Convention de l'Union Africaine sur la prévention et la lutte contre la corruption,

yerekeye gukumira no kurwanya ruswa, yemerejwe i Maputo, ku wa 11 Nyakanga 2003, nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 12/01 ryo ku wa 24/06/2004;

in Maputo, on 11 July 2003, as ratified by Presidential Order n° 12/01 of 24/06/2004;

adoptée à Maputo, le 11 juillet 2003, telle que ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 12/01 du 24 juin 2004;

Isubiye ku Itegeko n° 23/2003 ryo ku wa 07/08/2003 ryerekeye gukumira, kurwanya no guhana ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo;

Having reviewed Law n° 23/2003 of 07/08/2003 on prevention, suppression and punishment of corruption and related offences;

Revu la Loi n° 23/2003 du 07/08/2003 relative à la prévention et à la répression de la corruption et des infractions connexes;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigamije gukumira no guhana ruswa mu nzego za Leta, iz'abikorera, sosiyete sivili n'imiryango mpuzamahanga ikorera cyangwa ishaka gukorera mu Rwanda.

Article One: Purpose of this Law

This Law aims at preventing and punishing corruption in public organs, civil society private institutions and international organizations operating or wishing to operate in Rwanda.

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi a pour objet la prévention et la répression dans les organes publics, la société civile, institutions privées et les organisations internationales œuvrant ou désirant œuvrer au Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanura:

1 º **indonke:** ikintu cyose gisabwe, gitanzwe, cyakiriwe cyangwa gisezeranyijwe kugira ngo, mu buryo bunyuranyije n'amategeko, hakorwe cyangwa hatagira igikorwa;

2 º **ruswa:**igikorwa icyo ari cyo cyose

Article 2: Definitions

In this Law, the following terms are defined as follows:

1° **illicit benefit:** any benefit solicited, offered, accepted or promised illegally in order to render or omit a service;

2° **corruption:** any act performed or

Article 2: Définitions

Dans la présente loi, les termes repris ci-après sont définis comme suit:

1 º **un avantage illégal:** tout avantage offert, sollicité, accepté ou promis illégalement en vue de l'accomplissement d'un acte ou de l'omission de celui-ci;

2 º **Corruption :** tout acte accompli dans

gikorewe mu nzego za Leta, iz'abikorera, sosiyete sivili, n'imiryango mpuzamahanga ikorera cyangwa ishaka gukorera mu Rwanda, kigamije gusaba, kwakira cyangwa gutanga indonke mu buryo bunyuranyije n'amategeko hagamijwe kwigwizaho umutungo udashobora gusobanura inkomoko yawo cyagwa gukora ishimishamubiri kugira ngo hakorwe umurimo cyangwa igikorwa mu buryo bunyuranije n'amategeko byaba bikozwe na nyir'ubwite cyangwa binyujijwe ku wundi muntu**.** Ruswa igaragarira muri kimwe mu bikorwa bikurikira:

caused to be performed in public organs, private institutions, civil society and international organizations operating or wishing to operate in Rwanda, which is aimed at soliciting, receiving or offering an illicit benefit in order to unlawfully obtain illicit enrichment or a given favor of sexual nature to unlawfully render a service or carry out an activity whether carried on by himself or herself or through another person. Corruption is reflected in the following acts:

les organes publics, institutions privées, la société civile et les organisations internationales œuvrant ou désirant œuvrer au Rwanda, dont l'objectif est d'exiger, recevoir ou offrir un avantage illégal en vue d'obtenir illégalement un enrichissement illicite ou des faveurs de nature sexuelle en vue de l'accomplissement illicite, d'un service ou d'un acte exercé soit pour son propre compte soit pour le compte d'autrui. La corruption se manifeste par les actes suivants :

a) gusaba, kwakira cyangwa gutanga indonke;

a) to solicit, accept or offer illegal benefit;

a) exiger, accepter ou offrir un avantage illégal;

b) gusaba, gusezeranya cyangwa gukora ishimishamubiri rishingiye ku gitsina;

b) to solicit, promise or offer sexual favors;

b) exiger, promettre ou poser des faveurs de nature sexuelle;

c) gufata icyemezo gishingiye ku itonesha, ubucuti, urwango, ikimenyane cyangwa icyenewabo;

c) to make a decision based on favoritism, friendship, hatred, acquaintances or nepotism;

c) prendre une décision fondée sur le favoritisme, l'amitié, la haine, les connaissances ou le népotisme;

d) gukoresha igitinyiro;

d) influence peddling;

d) trafic d'influence;

e) kudasobanura inkomoko y'umutungo;

e) to illicit enrichment;

e) enrichissement illicite;

f) kunyereza umutungo;

f) embezzlement;

f) détournement de fonds;

g) gukoresha umutungo wa Leta icyo utagenewe;

g) to use public property for unintended purposes;

g) utiliser des biens publics à des fins non-prévues;

h) gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda akamaro;

i) gusonera bitemewe n'amategeko;

j) kwaka cyangwa kwakira amafaranga bidakwiye cyangwa arenze ateganyijwe;

k) gukoresha ububasha uhabwa n'itegeko mu nyungu bwite;

l) kwiha inyungu zinyuranyije n'amategeko.

3° umukozi wa Leta: umuntu wese, wahawe ububasha cyangwa inshingano, ku rwego urwo ari rwo rwose rwa Leta, ku bw'amatora cyangwa mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose cyangwa uhagarariye urwego rwa Leta urwo ari rwo rwose;

4° urwego rwa Leta: urwego rw'umurimo rwose rwo mu butegetsi bwa Leta cyangwa ikigo cya Leta bikoresha umutungo wa Leta cyangwa ikigo Leta ifitemo imigabane.

h) to misuse property of public interest;

i) illegal exemption;

j) to demande or receive undue or excessive money;

k) abuse of functions;

l) appropriation of unlawful favors.

3° **public servant:** any person entrusted with authority or responsibilities, at any public level or with public mandate through regular election or any other process or representing any public institution;

4° **public organ:** any public administration organ or public institution utilizing the property of the State or a parastatal.

h) abus des biens d'intérêt général;

i) exonération illégale;

j) exiger ou recevoir l'indû ou l'excédant;

k) abuser des fonctions;

l) prise illégale d'intérêts.

3 º **agent de l'État:** toute personne revêtue d'un pouvoir ou ayant une attribution à quelque échelon public que ce soit ou toute personne investie d'un mandat public, soit par élection ou quelque procédé que ce soit ou représentant une institution publique quelconque;

4 º **organe public:** tout organe de l'administration publique ou toute institution publique utilisant les fonds de l'État ou institution parastatale.

UMUTWE WA II: GUKUMIRA RUSWA

Ingingo ya 3: Inshingano z'inzego mu gukumira ruswa

Buri rwego rwa Leta, urw'abikorera, urwa sosiyete sivili cyangwa umuryango mpuzamahanga ukorera mu Rwanda rugomba:

CHAPTER II: PREVENTION OF CORRUPTION

Article 3: Obligations of organs in prevention of corruption

Any public organ, private institution, civil society member or international organization operating in Rwanda must:

CHAPITRE II: PREVENTION DE LA CORRUPTION

Article 3: Obligations des institutions dans la prévention de la corruption

Tout organe public, institution privée, membre de la société civile et l'organisation internationale œuvrant au Rwanda doit:

1 º gushyira mu bikorwa ingamba zo gukumira ruswa;	1 º implement mechanisms for the prevention of corruption;	1 º mettre en œuvre des mécanismes de prévention de la corruption;
2 º gukorera mu mucyo;	2 º to carry out activities in transparency;	2 º exercer ses activités dans la transparence;
3 º kugaragariza raporo abo igenewe;	3 º submit a report to the relevant authorities;	3 º soumettre un rapport aux organes habilités;
4 º kugenzura ko nta bikorwa bya ruswa birurangwamo;	4 º ensure that there is no corruption practices within it;	4 º veiller à ce qu'il n'y ait pas d'actes de corruption en son sein;
5 º kugaragaza ibyakozwe mu rwego rwo gukumira ruswa igihe rubisabwe n'urwego rubifitiye ububasha;	5 º present activities that were performed in the prevention and against corruption upon request by a competent organ;	5 º présenter des activités accomplies en matière de prévention de la corruption quand il en est requis par un organe compétent;
6 º kugira inyandiko igaragaza uburyo n'igihe ntarengwa ibyemezo bifatwa;	6 º have a document describing modalities and timeframe for decision making;	6 º avoir un document qui indique les modalités et les périodicités imparties à la prise de décisions;
7 º kugira imikoranire myiza n'izindi nzego, hubahirizwa igihe gisabwa mu kugaragaza ibyakozwe cyangwa hatangwa amakuru urundi rwego rwasabye;	7 º collaborate with other institutions in line with the required timeframe while presenting the activities performed or providing any information requested by another institution;	7 º entretenir de bonne collaboration avec d'autres institutions en respectant les délais requis pour rendre compte de ses réalisations ou en donnant des informations à une autre institution qui en a fait la demande;
8 º kudasumbanya, kudatinza no kudasiragiza abarugana.	8 º ensure equal treatment of clients and timely delivery of services.	8 º traiter équitablement les bénéficiaires des services et leur éviter des retards non-justifiés.

Urwego rw'Umuvunyi rusabira ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi umuyobozi w'urwego rutakoze ibiteganywa mu gika cya mbere

The Office of the Ombudsman requests for administrative sanctions against the leader of an organ that fails to comply with the

L'Office de l'Ombudsman requiert des sanctions administratives contre le dirigeant de l'organe ayant failli au respect des dispositions

cy'iyi ngingo.

UMUTWE WA III: IBYAHA N'IBIHANO BYA RUSWA

Ingingo ya 4: Gusaba, kwakira cyangwa gutanga indonke

Umuntu wese usaba, utanga cyangwa wakira, mu buryo ubwo ari bwo bwose, indonke iyo ari yo yose, kuri we cyangwa ku wundi muntu cyangwa wemera amasezerano yabyo kugira ngo akore cyangwa adakora ikiri mu nshingano ze cyangwa yifashishije imirimo ye kugira ngo gikorwe cyangwa kidakorwa aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri eshatu (3) kugeza kuri eshanu (5) z'agaciro k'indonke yatse cyangwa yakiriye.

Ibihano bivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo ni na byo bihabwa umuntu wese utanga cyangwa usezeranya gutanga, mu buryo ubwo ari bwo bwose, indonke iyo ari yo yose, kuri we cyangwa ku wundi muntu kugira ngo hatangwe cyangwa hadatangwa serivise.

Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere n'icya 3 by'iyi ngingo byakozwe kugira ngo hakorwe ikinyuranyije n'amategeko, igihano kiba igifungo kirenze imyaka irindwi (7) ariko

provisions of Paragraph One of this Article.

CHAPTER III: OFFENCES AND PENALTIES FOR CORRUPTION

Article 4: Solicit, accept or offer illegal benefit

Any person who solicits, accepts or receives, by any means, an illegal benefit for himself/ herself or another person or accepts a promise in order to render or omit a service under his or her mandate or uses his or her position to render or omit a service commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of more than five (5) years but not more than seven (7) years with a fine of three (3) to five (5) times the value of the illegal benefit solicited received.

Penalties provided under Paragraph 2 of this Article apply to a person who offers or promises to offer a benefit, by any means, an illegal benefit for him/ herself or another person to have a service rendered or omitted.

If acts referred to in Paragraph One and 3 of this Article are committed in order to perform an act contrary to law, the penalty is imprisonment for a term of more than seven

de l'alinéa premier du présent article.

CHAPITRE III: INFRACTIONS ET PEINES POUR LA CORRUPTION

Article 4: Exiger, accepter ou offrir un avantage illégal

Toute personne qui, de quelque manière que ce soit, exige, accepte ou reçoit tout avantage illégal pour son propre compte ou pour le compte d'autrui ou qui en accepte la promesse de faire ou ne pas faire un acte relevant de ses fonctions ou qui se sert de ces dernières pour le faire ou ne pas le faire commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende de trois (3) à cinq (5) fois la valeur en francs rwandais de l'avantage illégal sollicité, reçu.

Les peines prévues à l'alinéa 2 du présent article s'appliquent à toute personne qui, de quelque manière que ce soit, offre ou promet d'offrir un avantage, pour son propre compte ou pour le compte d'autrui pour qu'un service soit ou ne soit pas rendu.

Si les actes mentionnés aux alinéas premier et 3 du présent article sont commis dans le but de poser un acte contraire à la loi, la peine est l'emprisonnement de plus de sept (7) ans mais

kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri eshatu (3) kugeza kuri eshanu (5) z'agaciro k'indonke yatse, yakiriye cyangwa yatanze.

(7) years and not more than ten (10) years with a fine of three (3) to five (5) times the value in Rwandan francs of the illegal benefit received or offered.

n'excédant pas dix (10) ans et d'une amende de trois (3) à cinq (5) fois de Francs Rwandais la valeur de l'avantage illégal reçu ou offert.

<u>Ingingo ya 5:</u> Kwaka cyangwa kwakira indonke bikozwe n'ufata ibyemezo by'ubutabera cyangwa ubishyira mu bikorwa

<u>Article 5:</u> Solicit or receive an illegal benefit by person who makes or executes justice decisions

<u>Article 5:</u> Exiger ou recevoir un avantage illégal par une personne intervenant dans la prise de décisions d'ordre judiciaire ou les mettant en œuvre

Umucamanza wese cyangwa umukemurampaka wakiriye cyangwa wasabye indonke, aba akoze icyaha.

Any judge or arbitrator who receives or solicits an illegal benefit, commits an offence.

Tout juge ou arbitre qui reçoit ou exige un avantage illégal, commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'ibiri (12) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri eshatu (3) kugeza kuri eshanu (5) z'agaciro k'indonke yatse.

Upon conviction, he/she is liable of imprisonment of not less than ten (10) years but not more than twelve (12) years and a fine of three (3) to five (5) times the value in Rwandan francs of the illegal benefit solicited.

Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas douze (12) ans et d'une amende de trois (3) à cinq (5) fois de Francs Rwandais la valeur de l'avantage illégal sollicité.

Umwanditsi w'urukiko, umushinjacyaha, umufasha w'umushinjacyaha, umwunganizi mu mategeko, intumwa ya Leta mu nkiko, umuhesha w'inkiko, umukozi wa Leta ushinzwe gusesengura imanza ku mpamvu z'akarengane, umukozi wa Leta ushinzwe gutanga ubufasha mu by'amategeko, umugenzacyaha cyangwa umuntu wahamagajwe mu nzego z'ubutabera nk'umuhanga wasabye cyangwa wakira indonke cyangwa wemera amasezerano yo kuyihabwa kugira ngo abone gukora ibiri mu nshingano ze, areke gukora igikorwa kiri mu

Any court registrar, prosecutor, assistant to prosecutor, advocate, State attorney in court, professional bailiff, a court judgment review officer, investigator or person summoned as expert in court, an officer from Access to Justice Bureau who solicits or receives or accepts to receive an illicit benefit or promise thereof as a condition for accomplishing his or her responsibilities or in order to refrain from carrying out any usual duty or exert an influence resulting in a decision contrary to the law, commits an offence.

Tout greffier, procureur, assistant du procureur, avocat, mandataire de l'État, huissier de justice, agent public chargé de l'évaluation des jugements pour cause d'injustice, enquêteur, un agent de Maison d'Accès à la justice ou une personne qualifiée d'expert en justice qui sollicite ou reçoit ou accepte de recevoir un avantage illégal ou une promesse de celui-ci pour accomplir un acte qui relève de ses attributions, s'abstenir de poser un acte qui relève de ses attributions ou faire prendre une décision qui ne devait pas être prise, commet une infraction.

nshingano ze cyangwa atume hafatwa icyemezo kidahuje n'amategeko, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kirenze imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri eshatu (3) kugeza kuri eshanu (5) z'agaciro k'indonke yasabye, yakiriye cyangwa yasezeranyijwe.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of more than seven (7) years but not more than ten (10) years with a fine of three (3) to five (5) times the value in Rwandan francs of the illegal benefit received, solicited or was promised.

Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement de plus de sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans et d'une amende de trois (3) à cinq (5) fois de Francs Rwandais la valeur en francs rwandais de l'avantage illégal, sollicité, reçu ou promis de recevoir.

Ingingo ya 6 : Gusaba cyangwa gukora ishimishamubiri rishingiye ku gitsina

Umuntu wese, mu buryo ubwo ari bwo bwose, usaba, wemera cyangwa usezeranya gukora ishimishamubiri rishingiye ku gitsina cyangwa utuma undi muntu arigirirwa cyangwa wemera amasezerano yaryo kugira ngo hagire igikorwa cyangwa ikidakorwa aba akoze icyaha.

Article 6 : Soliciting or offering sexual favors

Any person who, by any means, solicits, accepts or promises a given favor of sexual nature or subjects another person to such favor or accepts a promise thereof in order to render or omit a service commits an offence.

Article 6 : Exiger ou poser des faveurs de nature sexuelle

Toute personne qui, de quelque manière que ce soit, sollicite des actes de nature sexuelle, en accepte ou en promet la réalisation ou fait subir de tels actes à une autre personne ou en accepte la promesse pour l'accomplissement ou l'omission d'un acte commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term more than five (5) years and not more than seven (7) years with a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not exceeding two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW).

Iyo ishimishamubiri ryakozwe kugira ngo hakorwe ibinyuranyije n'amategeko, igihano kiba igifungo kirenze imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya

When the favor of sexual nature was done in order for the beneficiary of such a favor to perform a service contrary to the law, the punishment is an imprisonment for a term of more than seven (7) years but not more than

Lorsque l'acte de nature sexuelle a été posé dans le but de rendre un service contraire à la loi, la peine est l'emprisonnement de plus de sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans et d'une amende d'au moins deux millions de

miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshatu (3.000.000 FRW).

ten (10) years with a fine of not less than two million (FRW 2,000,000) but not more than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000).

francs rwandais (2.000.000 FRW) mais n'excédant pas trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW)

Ingingo ya 7 : Gukoresha igitinyiro

Article 7 : Influence peddling

Article 7 : Trafic d'influence

Umuntu wese, ku buryo ubwo ari bwo bwose, ukoresha igitinyiro kugira ngo hafatwe icyemezo, byaba mu nyungu ze cyangwa z'undi muntu, aba akoze icyaha.
Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW).

Any person who, by any means, exerts influence in making a decision for his or her own benefit or another person's benefit, commits an offence.
Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of more than five (5) years and not more than seven (7) years with a fine of not less than three million rwandan francs (FRW 3,000,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000).

Toute personne qui, de quelque manière que ce soit, fait usage de son influence pour la prise d'une décision pour son compte ou le compte d'autrui, commet une infraction.
Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement de plus de cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins trois million de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW).

Iyo gukoresha igitinyiro byakozwe uwagikoresheje yahawe cyangwa yasezeranyijwe indonke igihano kiba igifungo kirenze imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu ikubye inshuro eshanu (5) kugeza ku icumi (10) y'agaciro k'indonke.

If the influence resulted into receiving or being promised an illegal benefit, the penalty is imprisonment for a term of more than five (5) years but not more than seven (7) years with a fine of five (5) to ten (10) times the value of the illegal benefit.

Lorsque l'usage d'influence fait suite à l'offre ou à la promesse d'un avantage illégal, la peine est l'emprisonnement de plus de cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende de cinq (5) à dix (10) fois la valeur de l'avantage illégal.

Iyo gukoresha igitinyiro byakozwe uwagikoresheje yahawe cyangwa yasezeranyijwe gukora ishimishamubiri rishingiye ku gitsina, igihano kiba igifungo kirenze imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda arenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshatu

If an influence was result of receiving or being promised sexual favour, the punishment is imprisonment for a term more than five (5) years and not more than seven (7) years with a fine of more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) but not more than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000).

